

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE KU
TARIKI YA 18/01/2024 SAA CYENDA NA MAKUMYABIRI Z'IJORO (03H20) BWO
KUGEZA KU BAKURU BA KILIZIYA, ABIHAYIMANA BOSE, KU BASENGA
BASENGANA UKWEMERA B'INGERI ZOSE, KU BANTU BOSE BARI KW'ISI
KUKO BOSE BAREMWE MU ISHUSHO Y'IMANA NA BO BIRABAREBA
(rue Juliette Wytsmans n° 4 - Bruxelles 1050).**

BIKIRA MARIYA : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda ndagusuhuza.
Yezu Kristu akuzwe !

VALENTINE : Karame Mama.
Akuzwe iteka ryose n'abantu bose.

BIKIRA MARIYA : Ntega amatwi yombi ngutume kuri Kiliziya, ku bihayimana b'ingeri
zose, ku bakristu ba Kristu cyane cyane abasenga nta buryarya, basengana ukwemera.

VALENTINE : Mama nguteze amatwi yombi ngo untume.
Ndi hano, ndi igikoresho cyawe ni cy'ab'isi yose, ngo untume aho ushaka no ku bo
ushaka.

BIKIRA MARIYA : Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Bana banjye
ndabakunda.
Musenge cyane nta buryarya isengesho rivuye ku mutima; musabirana bamwe
n'abandi kuko murugarijwe.
Ibiri imbere bigiye kuza byo biteye ubwoba n'agahinda bana banjye.
Nongeye kugusuhuza mw'izina rya Yezu Kristu umwana wanjye nkunda, kugirango
nongere mbitsindagire, abantu bazumva ubu butumwa bemera Imana bamenye ko
bugarijwe na Shitani igamije gusenya no kuzimanganya izina rya Yezu Kristu mu
bantu no mu bikorwa byiza bakora mw'izina rye.
Mu bihayimana bamwe na bamwe, muri kiriziya zimwe na zimwe, mbese bagasesereza
Kiliziya bahereye mu mizi.
Rekera aho amasengesho nkubwire ikinzanye kihutirwa, uraza gukomereza aho wari
ugeze nyuma nitumara kuvugana.
Humura wihangayika ubitekerezaho cyane ko uhibagirwa, ndakwibutsa aho wari
ugereje mwana wanjye nkunda.

VALENTINE : Yego Mama, urakoze cyane.
Narindi kuhareba koko ngo ntahabagirwa umaze kunsezeraho, ngo nze gukomereza
aho naringeze, ariko uhise undeba mu mutima wabibonye urantabaye.
Mama, nguteze amatwi yombi ngo umbwire ikikuzanye kihutirwa.
Ndi hano kugirango nkore ugusha kwawe, untume aho ushaka no ku bo ushaka, kuko
ndi igikoresho cyawe ni icy'ab'isi yose.
None se Mama ! Abo bantu bashaka kurwanya Yezu Kristu ni bande ?

Abo se batuma Kiliziya izasubiranamo bo ni bande koko ?

BIKIRA MARIYA : Abarwanya Yezu Kristu ni benshi mwana wanjye ! Harimo abavuga ko bamukorera bamuhagarariye by'ikinyoma.

Ikindi, iyi si igizwe n'abayiyobora bihambiriye ku by'isi no ku nyungu zabo bwite.

Abenshi rero ntibasenga, ntibemera, bahisemo kwiyegurira Shitani kuko ni yo ibaha byinshi, ikabateza gusubiranamo n'irari ryo kurarikira iby'abandi.

Nka Kiliziya irimo ibice byinshi: abayisenya bayirimo, abayigusha bitewe n'irari ryo kwifuza iby'abandi, gusenya ingo z'abashakanye, kwifuza abagore b'abandi, kubimika ahatari ngombwa, mbese irari ry'iby'abandi rigatuma bamena amaraso menshi y'inzirakarengane.

Abari muri ubwo buyobe bese barwanya Yezu kuko nta rukundo baba bagifite muri bo, na bo ubwabo ntibikunda nyabyo.

Ikindi, iyo abantu bakunda iby'isi kurusha uko bakunda abantu baba bayobotse Shitani kuko urukundo ruba rwabihishe.

Niyo mpamvu nakubwiye ko no muri Kiliziya harimo abakunda iby'isi kurusha uko bakunda abantu, ntibatinye no gukorana n'abamena amaraso y'inzirakarengane ; nabo bakamena amaraso ngo bakomere nk'abandi bategetsu bategeka bavuga rikijyana.

Bakishyira hamwe na bamwe mu bategetsu b'ibihugu bamwe na bamwe bamena amaraso y'abantu nta bwoba, nta mpuhwe bagira kuko baba bariyeguriye Shitani ari yo bakorerera.

Abo Yezu Kristu ntabwo aba akibatuyemo kuko adakorana na Shitani.

Urasobanukiwe neza noneho abo ari bo? Ni icyo ugomba guhongerera ubabara no gusengera mwana wanjye!

Wibuke ko ubutumwa bwawe ari ukubabara ngo ufashe Yezu gukiza isi n'ab'isi, no gusabira Kiliziya n'abayisebya ari bo nise kera amasandi (abakiritika iby'Imana).

Urabyibuka mwana wanjye?

VALENTINE: Urakoze cyane Mama kunsobanurira ibyo byose, no kunyibutsa ko ubutumwa bwanjye ari ukubabara ngo mfashe Yezu gukiza isi, no kubabara mu mwanya w'abandi, gusabira Kiliziya n'abo wise amasandi.

Bizatuma ntirara mpozeho isengesho, kuko nibazaga impamvu abihayimana banyanga n'abakristu, kandi mvuga Rozari mbasabira amahoro bese.

Ikindi kandi, umbwiye ko muri Kiliziya nabo ubwabo bangana bamwe na bamwe, ndetse bakicana kubera gukunda iby'isi n'ishema ry'isi none ndabimenye.

Urakoze kumbwira impamvu Mama. Nanjye nzajya nirinda ubwibone no kwikuza, ngerageze kudakunda ibyo byose bitamfiteye akamaro, binyobya.

Ahubwo, ngire urukundo rwinshi mu bantu bese, nsengere cyane abo bese batwawe n'iby'isi nanjye batazabijyanamo bakanyobya.

Mbagendere kure ntazatitira igihango nkajya kwa Shitani, kuko, menye ko hari abihayimana bamwe na bamwe badakorera Imana bihaye Shitani bigisha amacakubiri,

ubwironde no gukunda iby'isi, babwiriza abandi kumena amaraso y'inzirakarengane mu bo bita bagenzi babo bababeshya, bababeshyera kandi barihaye Shitani ibaha iby'isi.

Ikindi, ngiye kubasengera abo bose bo muri Kiliziya bazahinduke bagaruke mu nzira nziza, ariko na We uzabababarire. Sibyo se Mama? Uzabasabire imbabazi kuri Yezu Kristu Umwana wawe ukunda.

Yewe, n'abo bategetsi, nabo nzabasengera cyane mbasabire rwose nabo bazahinduke isi igire amahoro.

Intambara zigabanuke n'inzangano, ahubwo basabane bamwe n'abandi, kuko ningombwa gusenga no kwigomwa, kubabara, kugirango mfashe Yezu Kristu gukiza isi n'ab'isi.

BIKIRA MARIYA: Urakoze gushimira mwana wanjye.

Mba ngirango usobanukirwe na byinshi wibaza mu gutotezwa kwawe na bamwe mu bihayimana no mubasenga batakwiyumvamo, bakakwanga batanakunzi. Kumva izina ryawe bagahita bagucira urubanza mwana wanjye ni uko batinya Njyewe Bikira Mariya, na Yezu Kristu wabonye ugutuyemo, ugukoreramo, ugutuma ukamutumikira. Ikindi, Rozari n'amasengesho uvuga ya buri muni ubasabira, witangira abandi, usabira isi yose amahoro, birabashinja bakakurwanya mwana wanjye nkunda.

Ariko humura tuba turi kumwe mwana wanjye!

Nyumva ndakomeje.

Bana banjye nkunda, abasenga nimusenge cyane mushikamye amasengesho avuye ku mutima kandi akubiye mu bikorwa kuko ibi bihe isi igezemo, iri gucamo, birakomeye kandi biracyaza, nimuhore mwiguye kuko bitoroshye.

Muhararire kugerageza kuba intangarugero muri byose mu gusenga, mu gukundana, mu gufashanya, mu gutabarana, mu kugirana inama kandi mugatahiriza umugozi umwe bana banjye nkunda.

Nimushyire hamwe, musabane imbabazi, mubabarire, mubabarirane nta kiguzi kandi mwiye na buri wese.

Mubyigishe n'abatabizi, n'abatabishaka babigereho kuko mwese mutazi umunsi n'igihe muzahamagarirwa.

Rozari yanyu muyivugurure kuko ni ko kabando muzitwaza ntimutsikire, ni yo izabanyuza aho abandi bananiwe kunyura, ni yo izabafungurira amayira igaca imirunga izaba ifungishije imitamenway'isi n'imitima y'abantu yanangiye. Bizafunguka kuko muzagenda imbere y'imbaga nyamwinshi kubera Rozari n'andi masengesho muvuga avuye ku mutima arimo urukundo n'ubumuntu bana banjye.

Bana banjye nkunda, nongeye kubibasubiriramo nkuko nabibabwiye mu gihe mwari mu bihe bikomeye by'ikiza bise Korona. Narababwiye nti: « nimukomere ku gicaniro cy'urukundo mwagabiwe ku buntu na Yezu Kristu ku musaraba ».

Nabwiye igikoresho cyanjye gushyiraho uburyo yabafasha gusengera hamwe ntimwigunge mu mazu yanyu no kugirango mbarokore, na mwe murokore abandi n'ubwo bitari bimworoheye na mwe murabizi.

Ni muri ubwo buryo nabanye namwe ndabaragira, na mwe ni muri ubwo buryo nabasabye gushikama mugasenga cyane mubikuye ku mutima, mbabwira nti:

« nimusabire cyane Kiliziya yemeye kwicaza ikinyoma ku ntebe kikaba ihame. Nimusabire abayobozi ba Kiliziya mushikamye muhereye i Roma, Papa, abakaridinari, abasenyeri, abapadiri bakuru n'ababungiriye, kuko ni mwe gicaniro kizabamurikira bakabona ko bateshutse ku mahame yabo bagenderaho nka Kiliziya yigenga, bemera, kandi bigisha idahinduka ngo ihindurwe nubonetse wese. Hahandi bashyize umwijima imbere bajya kwishyira hamwe n'abana b'abantu bayoboye iy'isi mu buyobe bwo kurimbura Ijambo ry'Imana nyakuri rikubiye mu bikorwa.

Bakuraho gusoma Misa no gusengera hamwe kuko bazi neza ko iyo bishyize hamwe bagasenga basaba amahoro araza. Iyo hateye icyorezo, ibyorezo, bihagarikwa n'amasengesho y'abihayimana n'abakristu bishyize hamwe bagasenga, hagasomwa na za Misa, biratsinda ».

Ni ibyo bahereyeho bafunga babifashijwemo n'abayobye benshi bari muri Kiliziya ibukuru aho kwishyira hamwe n'Uwababambiwe ku musaraba akabapfira, akabaha ubugingo bushya buzahoraho iteka Yezu Kristu Umwana wanjye; ahubwo bakamurwanya bashaka kugabanya ububasha bwe bwagombaga gukiza imbaga nyanwinsi y' abakristu batuye iy'isi. Bigatuma hapfa abantu benshi cyane cyane kuri roho no ku mubiri: abemera n'abatemera, abasenga n'abadasenga.

Ndashaka kuvuga ko uherye hejuru i Roma, Papa, abakaridinali, abasenyeri, abapadiri, ababungiriye, ababikira n'abandi bihayimana mu bundi buryo bakaba baratatiye igihango bagiranye n'Imana bemeza ibitabareba, babitangaza ndetse babifatamo ibyemezo bihamye bakabishyira mu bikorwa aho gushyira isengesho n'urukundo imbere.

Amasakaramentu yose bayakuyeho barayafunga, Misa, gusigwa kw'abarwayi, gusomera misa abapfuye, byose bivaho bihimbira ibindi.

Nimusabire abategetsu b'ibihugu mukomokamo mwese ngo bategekane urukundo; bareke kwica abo bataremeye, bareke kumena amaraso y'ibibondo, ibitambabuga, ibisekeramwanzi, abagabo, abagore, abasore n'inkumi mbese abantu b'ingeri zose.

Wowe uzamura inkota, subiza inkota mu rwubati, kuko uwicisha inkota ni yo nawe azazira.

Nimusenge rero kugirango ibyo byose bihagarare, mutsindishe isengesho rikubiye mu bikorwa no mu rukundo, kuko ruratsinda rukaganza muri byose na hose.

Icyo gicaniro rero mwacanye, muhora mucanye cy'urukundo rukubiye mw'isengesho rusange mwakoze, mukora, muzakomeza gukora mwitanga mubasabira, ayo masengesho muvuga arakiza kuri roho no ku mubiri bana banjye ku bemera gukira.

Isengesho rigahumura bamwe na bamwe badashaka kubona ukuri bakamurikirwa n’urwo rumuri, rigahumuriza abahabye no kugarura abayobye bana banjye. Ndabashimira ubwitange mugira no kwigomwa.

Amasengesho mwavugaga agiye kwiyongera kubera ko turi mu bihe by’ibiza binyuranye: imvura, imyuzure, imiyaga ikabije, gucikamo ibice, ubuyobe, mbese cya gihe k’ibihindugembe twababwiye cyarageze kandi amahano ari kuba mwarayategujwe mwebwe mwagize amahirwe yo kunyumva ibyo mbatumaho Njyewe Bikira Mariya n’Umwana wanjye Yezu Kristu.

Kiliziya igiye gucikamo ibice, abayitegeka basubiranemo, abihayimana na bo nuko, abasenga nabo bibe uko, mbese hagiye kubaho amahano menshi.

Ndabasabye ngo ibya Kayizari babirekere Kayizari n’iby’Imana babirekere Imana ariko byabananiye kurekura bimwe kuko hari ibikingira ibindi. Ngicyo ikiri gusenya Kiliziya: gutinya kwiteranya no kugura ubushuti, no gushyira imbere ibyo mwita akazi mwirengagije icyabavanye iwanyu bamwe na bamwe mbere ya byose ko ari ukwiha Imana umushahara ukaza nyuma.

Munyumve neza bana banjye ntimunyongerereho ibyo ntavuze kandi ntimungabanyirize ibyo navuze kuko nzi neza icyo mvuga.

Niyo mpamvu mugomba kuvuga isengesho ryumvikana hose rya Rozari mwirukana Shitani mw’izina rya Yezu Kristu bana banjye.

Uzajya ananirwa akaruhuka abandi bakamuheka, ariko isengesho rikumvikana neza kuko rifasha benshi n’abo mutazi batanabazi nabo. Niyo mpamvu nababwiye ko Shapeli ya Kibeho ari yo izakiriramo abantu benshi b’ingeri zose mu mpande zose ntibabyumve ngo bave kw’izima.

Mbisubiyemo ko ariho hazakirira benshi, abazashobora kuhagera no kuhagezwa mu bihe biri imbere muzaba mwugarijwe, cyane cyane mu bihugu by’Afurika n’ahandi hose ku isi.

Nababuriraga ntimuzavuge ko mutabimenye.

Ni ibyo narinje kukubwira mwana wanjye.

Ibindi ubutaha.

VALENTINE: Urakoze cyane kunsobanurira no kunyibutsa bimwe na bimwe wambwiye Mama.

BIKIRA MARIYA: Nguhaye umugisha mwana wanjye.

Ku izina ry’Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha abasenga bose

Ku izina ry’Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha abazasoma ubu butumwa n'abazabusomerwa bose.
Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu. Amina.

Ngaho komereza isengesho ryawe aho wari ugereje usenga, nakubwiye ko nkwiibutsa aho wari ugereje.

Ni kuri Ndakuramutsa Mariya ya gatanu kw'iyibukiro rya kane mu y'ishavu. Sibyo? Uramukeho ugire ijoro ryiza n'amasengesho meza mwana wanjye nkunda.

VALENTINE: Yego ni byo.

Urakoze cyane kunyibutsa aho naringereje nsenga Mama!

Nari nibagiwe ndi kwibaza mu mutima nti naringeze kuri Ndakuramutsa Mariya ya kangahe, muyahe mibukiro?

Ni ukuri ndagushimiye!

Urakoze cyane kuko wari wabibonye ko ndi gushakisha nahangayitse uranyibutsa.

Ijoro ryiza na We Mama.

Uramukeho.